REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY
ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE
UBUSHINJACYAHA BUKURU
P.O. Box: 1328 KIGALI-RWANDA
E-mail : info@nppa.gov.rw Website: www.nppa.gov.rw

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Ubushinjacyaha Bukuru uyu munsi bwakiriye TEGANYA Jean Léonard woherejwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda. TEGANYA Jean Léonard yashyiriweho inyandiko itanga ikirego n'Ubushinjacyaha Bukuru mu mwaka wa 2014 akekwaho kugira uruhare mu byaha bya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe muri jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibyaha yakoreye mu mujyi wa Butare.

TEGANYA Jean Léonard yavutse mu mwaka wa 1971 mu Murenge wa Gatumba, Akarere ka Ngororero, mu Ntara y'Iburengerazuba. Mu 1994, mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, yari atuye mu Karere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo, aho yigaga ibijyanye n'ubuvuzi muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda. Yari umwe mu banyeshuri bimenyerezaga umwuga w'ubuvuzi mu Bitaro bya Kaminuza bya Butare.

Ubushinjacyaha Bukuru burashimira inzego z'ubutabera za Leta Zunze Ubumwe za Amerika ku bufatanye zigira mu kohereza mu Rwanda abakekwaho ibyaha bya jenoside bahunze ubutabera, ubufatanye mu by'amategeko, ndetse n'uruhare zigira mu bikorwa mpuzamahanga bigamije kurwanya umuco wo kudahana no gutuma abakoze ibyaha bya jenoside babiryozwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 9 Ugushyingo 2026.

NKUSI Faustin

Umuvugizi w'Ubushinjacyaha Bukuru